

AMATEGEKO SHINGIRO AGENGA ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA)	ARTICLES OF ASSOCIATION OF RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA)	STATUTS DE L'ASSOCIATION RWANDAISE DES DISTRICTS ET DE LA VILLE DE KIGALI (RALGA)
<p><u>IRANGASHINGIRO</u></p>	<p><u>PREAMBLE</u></p>	<p><u>PREAMBULE</u></p>
<p>Twebwe abahagarariye Uturere n'Umujyi wa Kigali , duteraniye mu nama y' Inteko Rusange idasanzwe y'Ishyirahamwe ry' Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yo ku wa 6 Mata 2013;</p>	<p>We, the representatives of Districts and the City of Kigali, meeting in an extraordinary General Assembly of the Rwanda Association of Local Government Authorities of 6 April 2013;</p>	<p>Nous, les représentants des Districts et de la Ville de Kigali, réunis dans l'Assemblée Générale Extraordinaire de l'Association des Districts et de la Ville de Kigali en date du 6 avril 2013 ;</p>
<p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 35 n'iya 167;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in Articles 35 and 167;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 35 et 167 ;</p>
<p>Dushingiye ku Itegeko n° 08/2006 ryo ku wa 24/02/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Akarere mu ngingo zaryo za 158 na 159;</p>	<p>Pursuant to Law n° 08/2006 of 24/02/2006 determining the organization and functioning of the District, especially in Articles 158 and 159;</p>	<p>Vu la Loi n° 08/2006 du 24/02/2006 portant organisation et fonctionnement du District, spécialement en ses articles 158 et 159;</p>
<p>Dushingiye ku Itegeko n° 10/2006 ryo ku wa 03/03/2006, rishyiraho imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 247;</p>	<p>Pursuant to Law n° 10/2006 of 03/03/2006, determining the structure, organization and functioning of the City of Kigali, especially in Article 247;</p>	<p>Vu la Loi n° 10/2006 du 03/03/2006, portant organisation et fonctionnement de la Ville de Kigali, spécialement en son article 247 ;</p>

<p>Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta;</p>	<p>Pursuant to Law 04/2012 of 17/02/2012 governing the organization and functioning of national non governmental organizations;</p>	<p>Vu la Loi 04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non gouvernementales nationales;</p>
<p>TWEMEJE:</p>	<p>ADOPT:</p>	<p>ADOPTONS :</p>
<p>UMUTWE WA MBERE : IZINA, IGIHE RALGA IZAMARA N'ICYICARO CYAYO</p>	<p>CHAPTER ONE: NAME, DURATION AND HEAD OFFICE</p>	<p>CHAPITRE PREMIER: DENOMINATION, DUREE ET SIEGE</p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Izina</u></p>	<p><u>Article One: Name</u></p>	<p><u>Article premier: Dénomination</u></p>
<p>Hashinzwe "Ishyirahamwe ry' Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda", RALGA mu magambo ahinnye y'icyongereza. Iri shyirahamwe ryiswe RALGA mu ngingo zikurikira z' aya mategeko shingiro.</p>	<p>There is hereby created the "Rwanda Association of Local Government Authorities, RALGA in acronym. This Association shall be hereinafter referred to as RALGA.</p>	<p>Il est créé « l'Association Rwandaise des Districts et de la Ville de Kigali », RALGA en sigle anglais. L'Association est appelée RALGA dans les présents statuts.</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Imiterere n'igihe RALGA izamara</u></p>	<p><u>Article 2: Status and duration of RAGA</u></p>	<p><u>Article 2: Statut et durée de RALGA</u></p>
<p>RALGA ni umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugamije guteza imbere inzego z'ibanze. Igihe uzamara</p>	<p>RALGA is a national non governmental organization with the objective of promoting local Government entities.</p>	<p>RALGA est une organisation non gouvernementale nationale ayant pour objectif la promotion des entités</p>

<p>ntikigenwe.</p> <p><u>Ingingo ya 3 : Icyicaro gikuru</u></p> <p>Icyicaro cya RALGA kiri mu Muji wa Kigali ariko gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n’Inteko Rusange. RALGA ikorera mu Rwanda hose.</p> <p><u>UMUTWE WA II: ICYEREKEZO, INTEGO N’IBIKORWA BYA RALGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 4 : Icyerekezo</u></p> <p>Icyerekezo cya RALGA ni ukugira inzego z’ibanze zikora neza kandi ziha urubuga abaturage n’ abafatanyabikorwa mu iterambere.</p> <p><u>Ingingo ya 5 : Intego</u></p> <p>Intego ya RALGA ni ugufasha inzego z’ibanze kurangiza inshingano zazo zubahiriza amahame y’imiyoborere myiza no kwegereza ubuyobozi abaturage.</p> <p><u>Ingingo ya 6 : Inshingano</u></p>	<p>Its duration is indefinite.</p> <p><u>Article 3: Head Office</u></p> <p>The head office of RALGA is in Kigali city. It can be transferred elsewhere in Rwanda upon decision of the General Assembly. RALGA operates on the whole territory of Rwanda.</p> <p><u>CHAPTER II: VISION, OBJECTIVE AND ACTIVITIES OF RALGA</u></p> <p><u>Article 4: Vision</u></p> <p>The vision of RALGA is to have efficient local Government entities where people and stakeholders are involved in development.</p> <p><u>Article 5: Objective</u></p> <p>The objective of RALGA is to assist local Government entities in achieving their mission, complying with principles of good governance and decentralization.</p> <p><u>Article 6: Responsibilities</u></p>	<p>d’administration locale. Elle a une durée indéterminée.</p> <p><u>Article 3: Siège</u></p> <p>Le siège de RALGA est dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de l’Assemblée Générale. RALGA mène ses activités sur tout le territoire du Rwanda.</p> <p><u>CHAPITRE II : VISION, OBJECTIF ET ACTIVITES DE RALGA</u></p> <p><u>Article 4: Vision</u></p> <p>La vision de RALGA est d’avoir des entités d’administration locale efficaces ou le peuple et les partenaires jouent un rôle dans le développement.</p> <p><u>Article 5 : Objectif</u></p> <p>L’objectif de RALGA est d’assister les entités d’administration locale à réaliser leur mission en respectant les principes de bonne gouvernance et de décentralisation.</p> <p><u>Article 6: Attributions</u></p>
--	---	--

<p>RALGA ishinzwe guhagararira inzego z' ibanze, kuzikorera ubuvugizi no kuzongerera ubushobozi muri ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage; 2. Imizamukire y'imari y'inzego z'ibanze; 3. Iterambere ry'ubukungu bw'akarere; 4. Iterambere ry' imibereho myiza. 	<p>RALGA has the responsibility of representing local Government entities, carrying out their advocacy and capacity building in the following sectors:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Policy of decentralization; 2. Increasing finances of local Government entities; 3. Local economic development; 4. Increasing the social welfare. 	<p>RALGA est chargée de représenter les entités d'administration locale, de mener des actions de plaidoyer en leur faveur et développer leur capacité dans les secteurs suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Politique de décentralisation; 2. Accroissement des finances des entités d'administration locale ; 3. Développement économique local; 4. Développement du bien-être social.
<p>RALGA ishinzwe kandi guteza imbere ubufatanye hagati y'inzego z'ibanze zo mu Rwanda ubwazo, no hagati yazo n' izo mu mahanga.</p>	<p>RALGA is responsible for strengthening collaboration between Rwanda local Government entities among themselves and with foreign local Government entities.</p>	<p>RALGA est chargée de renforcer la coopération des entités d'administration locale au Rwanda entre elles-mêmes et avec celles de l'étranger.</p>
<p>UMUTWE WA III : ABANYAMURYANGO BA RALGA</p> <p><u>Ingingo ya 7 : Abanyamuryango</u></p> <p>Abanyamuryango ba RALGA ni Uturere n'Umujyi wa Kigali babisabye bakabyemererwa. Bahagararirwa n'intumwa zatowe n'Inama Njyanama z'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali</p>	<p><u>CHAPTER III: MEMBERS OF RALGA</u></p> <p><u>Article 7: Members</u></p> <p>Members of RALGA are Districts and the City of Kigali that applied for membership and got approval. Members shall be represented by delegates elected by Councils of</p>	<p><u>CHAPITRE III : MEMBRES DE RALGA</u></p> <p><u>Article 7: Membres</u></p> <p>Les membres de RALGA sont des Districts et la Ville de Kigali dont la demande d'être membre a été acceptée. Les membres sont représentés par les délégués élus par</p>

<p>hakurikijwe amategeko shingiro ya RALGA.</p>	<p>Districts and the City of Kigali based on articles of association governing RALGA.</p>	<p>les Conseils des Districts et de la Ville de Kigali en vertu des statuts régissant RALGA.</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rwemeza abanyamuryango</p>	<p><u>Article 8:</u> Organ to decide on membership</p>	<p><u>Article 8:</u> Organe accordant la qualité de membre</p>
<p>Inteko Rusange ni yo yemeza abanyamuryango bashya ikanafata ibyemezo bijyanye no gutakaza ubunyamuryango.</p>	<p>The General Assembly is the competent organ to approve new members and to decide on losing membership.</p>	<p>L'Assemblée Générale est l'organe compétent pour décider de l'acquisition et de la perte de la qualité de membres.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA RALGA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF RALGA</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RALGA</u></p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Inzego z'ubuyobozi</p>	<p><u>Article 9:</u> Management Organs</p>	<p><u>Article 9:</u> Organes de direction</p>
<p>Inzego za RALGA ni izi zikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Inteko Rusange; 2. Komite Nyobozi; 3. Komite Ngenzuzi; 4. Komite Nkemurampaka; 5. Ubunyamabanga Bukuru. 	<p>Organs of RALGA are the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. The General Assembly; 2. Executive Committee; 3. Control Committee; 4. Conflict Resolution Committee; 5. General Secretariat. 	<p>Les organes de direction de RALGA sont les suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. l'Assemblée Générale ; 2. le Comité Exécutif ; 3. le Comité de Contrôle; 4. le Comité de Résolution de Conflits ; 5. le Secrétariat Général.
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Manda y'abagize inzego</p>	<p><u>Article 10:</u> Term of office of organs members</p>	<p><u>Article 10:</u> Mandat des membres des organes</p>
<p>Uretse Umunyamabanga Mukuru, buri muyobozi uri mu nzego za RALGA atorerwa manda y'imyaka itanu(5).</p>	<p>With the exception of the Secretary General, any official occupying a position in any of RALGA organs shall</p>	<p>A l'exception du Secrétaire Général, toute personne occupant un poste au sein des organes dirigeants de RALGA</p>

<p>Ashobora kongera gutorwa inshuro imwe gusa. Iyo avuye mu kazi k'inzego z'ibanze ahita atakaza n'umwanya yari afite mu nzego za RALGA.</p>	<p>be elected for a term of office of five (5) years, renewable only once. Leaving functions in local Government shall lead to losing the post occupied in RALGA organs.</p>	<p>est élue pour un mandat de cinq (5) ans, renouvelable une seule fois. Le fait de quitter les fonctions au sein des entités d'administration locale fait perdre au titulaire le poste occupé au sein des organes de RALGA.</p>
<p>Amatora y'abagize izo nzego za RALGA aba mu gihe kitarenze amezi abiri (2) nyuma y'amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Uturere n'Umujyi wa Kigali.</p>	<p>Elections of members of RALGA organs shall be held within two (2) months after election of Executive Committees of Districts and the City of Kigali.</p>	<p>Les élections des membres des organes de RALGA ont lieu endéans deux (2) mois après les élections des membres des Comités Exécutifs des Districts et de la ville de Kigali.</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere : Inteko Rusange</u></p>	<p><u>Section One: General Assembly</u></p>	<p><u>Section première: Assemblée Générale</u></p>
<p><u>Ingingo ya 11 : Inshingano z'Inteko Rusange</u></p>	<p><u>Article 11: Responsibilities of the General Assembly</u></p>	<p><u>Article 11 : Attributions de l'Assemblée Générale</u></p>
<p>Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga ruyobora RALGA. Ifite inshingano zikurikira:</p>	<p>The General Assembly is the supreme organ of RALGA. It has the following responsibilities:</p>	<p>L'Assemblée Générale est l'organe suprême de RALGA. Elle a les attributions suivantes:</p>
<ol style="list-style-type: none"> 1. Guha icyerekezo ibikorwa bya RALGA; 2. Gutora no gukuraho abagize Komite Nyobozi, Komite Ngenzuzi na Komite Nkemurampaka; 3. Kwemeza amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere 	<ol style="list-style-type: none"> 1. providing guidelines to activities of RALGA; 2. electing and revoking members of the Executive Committee, Control Committee and the Conflict Resolution Committee; 3. Adopting articles of association and internal rules of RALGA; 	<ol style="list-style-type: none"> 1. donner de l'orientation aux activités de RALGA ; 2. élire et révoquer les membres du Comité Exécutif, du Comité de Contrôle et du Comité de Résolution de Conflits; 3. adopter les statuts et le règlement d'ordre intérieur de

<p>agenga RALGA;</p> <ol style="list-style-type: none"> 4. Kwemeza iyinjizwa, ihagarikwa cyangwa isezererwa ry'umunyamuryango; 5. Kugena gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya buri mwaka; 6. Kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari; 7. Kwemeza iseswa rya RALGA; 8. Gushyiraho Umunyamabanga Mukuru wa RALGA. 	<ol style="list-style-type: none"> 4. approving membership, suspension or losing membership. 5. establishing annual action plan and budget; 6. approving activities report and the budget use; 7. approving the dissolution of RALGA; 8. appointing the Secretary General of RALGA. 	<p>RALGA ;</p> <ol style="list-style-type: none"> 4. approuver l'acquisition, la suspension ou la perte de la qualité de membre ; 5. mettre sur pied le plan d'action et le budget annuels ; 6. approuver le rapport d'activités et l'utilisation du budget ; 7. approuver la dissolution de RALGA ; 8. nommer le Secrétaire Général de RALGA.
<p><u>Ingingo ya 12 : Inama z'Inteko Rusange</u></p> <p>Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wa RALGA. Iyo atabonetse itumizwa ikanayoborwa n'Umuyobozi wungirije wa mbere. Iyo bombi batabonetse, bikorwa n'Umuyobozi wungirije wa kabiri.</p>	<p><u>Article 12: Meetings of the General Assembly</u></p> <p>The General Assembly shall meet once a year and whenever deemed necessary. It shall be convened and chaired by the Chairperson of RALGA. In case of his/her absence, the meeting shall be convened and chaired by the First Deputy Chairperson. In the absence of both, it shall be done by the Second Deputy Chairperson.</p>	<p><u>Article 12 : Réunions de l'Assemblée Générale</u></p> <p>L'Assemblée Générale se réunit une fois par an et chaque fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le Président de RALGA. En cas de son absence, la réunion est convoquée et présidée par le Premier Vice-Président et en cas d'absence des deux, par le Deuxième Vice-Président.</p>

<p>Inteko Rusange ishobora kandi guterana bisabwe nibura na 1/3 cy'abayigize.</p> <p>Inteko Rusange iterana iyo hari nibura 2/3 by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama ikurikira iterana mu minsi mirongo itatu (30) igafata ibyemezo bihabwa agaciro iyo hari nibura 1/3 cy'abayigize.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Abagize Inteko Rusange</u></p> <p>Inteko Rusange ya RALGA igizwe n'aba bakurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abagize Komite Nyobozi; 2. Abagize Komite Ngenzuzi; 3. Abagize za Komisiyo; 4. Abagize Komite Nkemurampaka; 5. Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali; 6. Perezida w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali; 7. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Umujyi wa Kigali; 8. Abayobozi b'Uturere; 	<p>The General Assembly may also meet upon request by 1/3 of its members. The required quorum for the General Assembly is 2/3 of its members. Where the quorum is not reached, the next meeting shall be held within thirty (30) days and shall take valid decisions if at least 1/3 of its members are present.</p> <p><u>Article 13: Members of the General Assembly</u></p> <p>The General Assembly of RALGA is composed of the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Members of the Executive Committee; 2. Members of the Control Committee; 3. Members of Commissions; 4. Members of the Conflict Resolution Committee; 5. Mayor of the City of Kigali; 6. Chairperson of the Council of the City of Kigali; 7. Executive Secretary of the City of Kigali; 8. Mayors of Districts; 	<p>L'Assemblée Générale peut aussi se réunir sur demande d'au moins 1/3 de ses membres. Le quorum requis à l'Assemblée Générale est de 2/3 de ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la prochaine réunion est tenue endéans trente (30) jours et prend des décisions valides si au moins 1/3 de ses membres sont présents.</p> <p><u>Article 13: Membres de l'Assemblée Générale</u></p> <p>L'Assemblée Générale est composée des personnes suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Les membres du Comité Exécutif ; 2. Les membres du Comité de Contrôle; 3. Les membres des commissions ; 4. Les membres du Comité de Résolution de Conflits ; 5. Le Maire de la Ville de Kigali ; 6. La Président du Conseil de la Ville de Kigali ; 7. Le Secrétaire Exécutif de la Ville de Kigali ; 8. Les Maires des Districts ;
---	--	---

<p>9. Ba Perezida b’Inama Njyanama z’Uturere;</p> <p>10. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Uturere;</p> <p>11. Uhagarariye ba Perezida b’Inama Njyanama z’Imirenge mu Karere;</p> <p>12. Uhagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Imirenge mu Karere;</p> <p>13. Uhagarariye ba Perezida b’Inama Njyanama z’Utugari mu Karere;</p> <p>14. Uhagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Utugari mu Karere;</p> <p>15. Uhagarariye Abakuru b’Imidugudu mu Karere.</p>	<p>9. Chairpersons of Districts Councils;</p> <p>10. Executive Secretaries of Districts;</p> <p>11. A representative of Chairpersons of Sectors Councils in a District;</p> <p>12. A representative of Executive Secretaries of Sectors in a District;</p> <p>13. A representative of Chairpersons of Cells Councils in a District;</p> <p>14. A representative of Executive Secretaries of Cells in a District;</p> <p>15. A representative of Heads of Villages in a District.</p>	<p>9. Les Présidents des Conseils des Districts ;</p> <p>10. Les Secrétaires Exécutifs des Districts ;</p> <p>11. Un représentant des Présidents des Conseils des Secteurs du District ;</p> <p>12. Un représentant des Secrétaires Exécutifs du District ;</p> <p>13. Un représentant des Présidents des Conseils des Cellules du District ;</p> <p>14. Un représentant des Secrétaires Exécutifs des Cellules du District ;</p> <p>15. Un représentant des Chef de Villages du District.</p>
<p>Komite Nyobozi ishobora gutumira abandi bantu mu Nteko Rusange igamije kubagisha inama ariko aba nta ruhare bagira mu gufata ibyemezo no gutora.</p>	<p>The Executive Committee may invite other persons to the General Assembly meeting for consultation but they shall not have powers to vote.</p>	<p>Le Comité Exécutif peut inviter d’autres personnes à l’Assemblée Générale pour consultation mais elles n’ont pas droit au vote.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Komite Nyobozi</u></p>	<p><u>Section 2: Executive Committee</u></p>	<p><u>Section 2: Comité Exécutif</u></p>
<p><u>Ingingo ya 14: Inshingano za Komite Nyobozi</u></p>	<p><u>Article 14: Responsibilities of the Executive Committee</u></p>	<p><u>Article 14: Attributions du Comité Exécutif</u></p>
<p>Komite Nyobozi ni urwego rw’ubutegetsi rushinzwe gukurikirana</p>	<p>The Executive Committee is the administrative organ in charge</p>	<p>Le Comité Exécutif est l’organe administratif chargé du suivi de la mise</p>

<p>ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za RALGA. Mu kazi kayo yunganirwa na za Komisiyo zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Komisiyo ishinzwe kwegereza ubuyobozi abaturage; 2. Komisiyo ishinzwe imari y'inzego z'ibanze; 3. Komisiyo ishinzwe iterambere ry'ubukungu bw'akarere; 4. Komisiyo ishinzwe iterambere ry'imibereho myiza. 	<p>ensuring the implementation of activities of RALGA. In its activities, it shall be assisted by the following commissions:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Commission in charge of decentralization; 2. Commission in charge of finance of local Government entities; 3. Commission in charge of local economic development; 4. Commission in charge of social welfare development. 	<p>en exécution des programmes de RALGA. Dans ses fonctions, il est assisté par les commissions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. La commission chargée de la décentralisation ; 2. La commission chargée des finances des entités d'administration locale ; 3. La commission chargée du développement économique local; 4. La commission chargée du développement du bien-être social.
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Komite Nyobozi</p>	<p><u>Article 15:</u> Members of the Executive Committee</p>	<p><u>Article 15:</u> Membres du Comité Exécutif</p>
<p>Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Umuyobozi wa RALGA; 2. Umuyobozi wungirije wa mbere; 3. Umuyobozi wungirije wa kabiri; 4. Komiseri ushinzwe kwegereza ubuyobozi abaturage; 5. Komiseri ushinzwe imari 	<p>The Executive Committee is composed of the following persons:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Chairperson of RALGA; 2. First Deputy Chairperson; 3. Second Deputy Chairperson; 4. Commissioner in charge of decentralization; 5. Commissioner in charge of finance of local Government 	<p>Le Comité Exécutif est composé des personnes suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Le Président de RALGA ; 2. Le Premier Vice- Président ; 3. Le Deuxième Vice- Président ; 4. Le Commissaire chargé de la décentralisation ; 5. Le Commissaire chargé des finances des entités de

<p>y'inzego z'ibanze;</p> <p>6. Komiseri ushinzwe iterambere ry'ubukungu bw'akarere;</p> <p>7. Komiseri ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza.</p> <p>Buri Komiseri ayobora Komisiyo igizwe n' abantu bane (4) bashyirwaho na Komite Nyobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Inama za Komite Nyobozi</u></p> <p>Komite Nyobozi iterana rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wa RALGA. Iyo atabonetse itumizwa ikanayoborwa n'Umuyobozi wungirije wa mbere. Iyo bombi batabonetse, bikorwa n'Umuyobozi wungirije wa kabiri.</p> <p>Komite Nyobozi iterana iyo hari nibura 2/3 by'abayigize. Iyo uwo mubare utabonetse, inama ikurikira iterana mu minsi irindwi (7) igafata ibyemezo bihabwa agaciro iyo hari nibura 1/3</p>	<p>entities;</p> <p>6. Commissioner in charge of local economic development;</p> <p>7. Commissioner in charge of social welfare development.</p> <p>Each Commissioner shall head a commission comprising four (4) members appointed by the Executive Committee.</p> <p><u>Article 16: Meetings of the Executive Committee</u></p> <p>The Executive Committee shall meet once in three (3) months and whenever deemed necessary. It shall be convened and chaired by the Chairperson of RALGA. In case of his/her absence, it shall be convened and chaired by the First Deputy Chairperson and, in the absence of both, by the Second Deputy Chairperson.</p> <p>The Executive Committee shall meet when at least 2/3 of its members are present. Where that quorum is not reached, the next meeting shall be held within seven (7) days and validly</p>	<p>l'administration locale ;</p> <p>6. Le Commissaire chargé du développement économique local;</p> <p>7. Le Commissaire chargé du développement du bien-être social.</p> <p>Chaque Commissaire dirige une commission de quatre (4) membres nommés par le Comité Exécutif.</p> <p><u>Article 16 : Réunions du Comité Exécutif</u></p> <p>Le Comité Exécutif se réunit une fois les trois (3) mois et chaque fois que de besoin. La réunion du Comité Exécutif est convoquée et présidée par le Président de RALGA. En cas de son absence, elle est convoquée et présidée par le Premier Vice-Président et, en cas d'absence de ce dernier, par le Deuxième Vice-Président.</p> <p>Le Comité Exécutif se réunit lorsqu'au moins 2/3 de ses membres sont présents. Lorsque ce quorum n'est pas atteint, la prochaine réunion est tenue endéans sept (7) jours et délibère</p>
--	---	--

<p>cy'abayigize.</p> <p>Umunyamabanga Mukuru ni we mwanditsi w' inama za Komite Nyobozi ariko ntafata ibyemezo.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Ubunyamabanga Bukuru</u></p> <p>Ubunyamabanga Bukuru bufasha Komite Nyobozi gushyira mu bikorwa gahunda za RALGA. Bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru n'abandi bakozi ba ngombwa. Imiterere n'inshingano byabwo byemezwa n' Inteko Rusange.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Komite Ngenzuzi</u></p> <p><u>Ingingo ya 18: Abagize Komite Ngenzuzi</u></p> <p>Komite Ngenzuzi igizwe n'abantu batatu (3) barimo Umuyobozi wayo.</p>	<p>deliberate if at least 1/3 of its members are present.</p> <p>The Secretary General shall be the rapporteur of meetings of the Executive Committee but shall not vote.</p> <p><u>Article 17: General Secretariat</u></p> <p>The General Secretariat shall assist the Executive Committee in the implementation of programs of RALGA. It comprises the Secretary General and other necessary staff. Its organizational structure and responsibilities shall be approved by the General Assembly.</p> <p><u>Section 3: Control Committee</u></p> <p><u>Article 18: Members of the Control Committee</u></p> <p>The Control Committee is composed of three (3) persons including its Chairperson.</p>	<p>valablement en cas de présence d'au moins 1/3 de ses membres.</p> <p>Le Secrétaire Général est le rapporteur des réunions du Comité Exécutif mais n'a pas de droit de vote.</p> <p><u>Article 17: Secrétariat Général</u></p> <p>Le Secrétariat Général assiste le Comité Exécutif dans la mise en exécution des programmes de RALGA. Il comprend le Secrétaire Général et autres membres du personnel nécessaires. Sa structure organisationnelle et ses attributions sont approuvées par l'Assemblée Générale.</p> <p><u>Section 3 : Comité de Contrôle</u></p> <p><u>Article 18 : Membres du Comité de Contrôle</u></p> <p>Le Comité de Contrôle comprend trois (3) membres dont le Président.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano za Komite Ngenzuzi</p> <p>Komite Ngenzuzi ishinzwe:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kureba ko inzego za RALGA zubahiriza amategeko; 2. Gusuzuma raporo z'ubugenzuzi; 3. Gushyikiriza raporo Inteko Rusange. 	<p><u>Article 19</u>: Responsibilities of the Control Committee</p> <p>The Control Committee shall be in charge of:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. ensuring that organs of RALGA are in compliance with the law; 2. considering audit reports; 3. submitting the report to the General Assembly. 	<p><u>Article 19</u>: Attributions du Comité de Contrôle</p> <p>Le Comité de Contrôle est chargé de :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. s'assurer que les organes de RALGA agissent en conformité avec les lois ; 2. examiner les rapports d'audit ; 3. transmettre son rapport à l'Assemblée Générale.
<p><u>Ingingo ya 20</u>: Inama za Komite Ngenzuzi</p> <p>Komite Ngenzuzi iterana rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.</p>	<p><u>Article 20</u>: Meetings of the Control Committee</p> <p>The Control Committee shall meet once in three (3) months and whenever deemed necessary.</p>	<p><u>Article 20</u>: Réunions du Comité de Contrôle</p> <p>Le Comité de Contrôle se réunit une fois les trois (3) mois et chaque fois que de besoin.</p>
<p><u>Icyiciro cya 4</u>: Komite Nkemurampaka</p> <p><u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano n'abagize Komite Nkemurampaka</p>	<p><u>Section 4</u>: Conflict Resolution Committee</p> <p><u>Article 21</u>: Responsibilities and members of the Conflict Resolution Committee</p>	<p><u>Section 4</u>: Comité de Résolution de Conflits</p> <p><u>Article 21</u>: Attributions et membres du Comité de Résolution de Conflits</p>
<p>Komite Nkemurampaka ishinzwe gukemura amakimbirane yose avutse mu nzego za RALGA cyangwa mu banyamuryango bayo. Igizwe n' abantu icumi (10) b'inararibonye kandi</p>	<p>The Conflict Resolution Committee is responsible for resolving any dispute that arises within organs of RALGA or among its members. It shall be comprised of ten (10) persons with</p>	<p>Le Comité de Résolution de Conflits est chargé de résoudre tout litige qui nait au sein des organes de RALGA ou parmi ses membres. Il est composé de 10 personnes intègres et bien</p>

<p>b'inyangamugayo barimo umuyobozi, umuyobozi wungiriye, n'umunyamabanga wayo.</p> <p>Iyo uru rwego rudashoboye gukemura impaka, hitabazwa inzego za Leta zibifitiye ububasha.</p> <p><u>UMUTWE WA V : UMUTUNGO WA RALGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 22 : Inkomoko y'umutungo wa RALGA</u></p> <p>Umutungo wa RALGA ukomoka kuri ibi bikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Umusanzu w'abanyamuryango; 2. Umusaruro uturutse mu bikorwa bibyara inyungu; 3. Inyungu ziturutse ku mafaranga abitswe muri banki; 4. Imfashanyo; 5. Impano n'imirage. 	<p>experience and integrity including a Chairperson, a Deputy Chairperson and a Secretary.</p> <p>In case of incapacity if this Organ to resolve a dispute, the dispute shall be referred to competent Government organs.</p> <p><u>CHAPTER V: PROPERTY OF RALGA</u></p> <p><u>Article 22: Sources of property of RALGA</u></p> <p>The property of RALGA comes from the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Contributions of members; 2. Revenues from income generating activities; 3. Interests generated by bank deposits; 4. subsidies; 5. Donations and bequests. 	<p>expérimentées dont un Président, un Vice- Président et un secrétaire.</p> <p>En cas d'incapacité de cet organe de résoudre un litige, il est fait recours aux organes compétents de l'Etat.</p> <p><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE RALGA</u></p> <p><u>Article 22: Sources du patrimoine de RALGA</u></p> <p>Le patrimoine de RALGA provient de ce qui suit :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. des cotisations des membres ; 2. des produits provenant des activités génératrices de revenus ; 3. des intérêts générés par des dépôts en banque ; 4. des subventions ; 5. des dons et legs.
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 23: Umusanzu w'abanyamuryango</u></p> <p>Umusanzu w'abanyamuryango wa buri mwaka wemezwa n'Inteko Rusange.</p>	<p><u>Article 23: Contribution of members</u></p> <p>The amount of contribution of members shall be adopted by the General Assembly.</p>	<p><u>Article 23: Cotisation des membres</u></p> <p>Le montant de la cotisation des membres est adopté par l'Assemblée Générale.</p>
<p><u>UMUTWE WA VI : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 24: Ivugururwa ry'amategeko shingiro</u></p> <p>Ivugururwa ry'amategeko shingiro ya RALGA ryemezwa n'Inteko Rusange ibisabwe mu nyandiko nibura na 1/3 cy'abayigize mu gihe kitari hasi y'amezi abiri (2) mbere y'uko iterana cyangwa na Komite Nyobozi.</p>	<p><u>Article 24: Amendment of articles of association</u></p> <p>Amendment of articles of association of RALGA shall be approved by the General Assembly upon written request by at least 1/3 of its members within a period of at least two (2) months before the meeting is held or by the Executive Committee.</p>	<p><u>Article 24: Révision des statuts</u></p> <p>La révision des statuts de RALGA est approuvée par L'Assemblée Générale sur demande écrite d'au moins 1/3 de ses membres faite dans une période d'au moins deux (2) mois avant la tenue de la réunion ou sur demande du Comité Exécutif.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Iseswa rya RALGA</u></p> <p>Iseswa rya RALGA ryemezwa n'Inteko Rusange ibisabwe mu nyandiko nibura na 2/3 cy'abayigize mu gihe kitari hasi y'amezi abiri (2) mbere y'uko iterana. Icyo cyemezo kigomba kumenyeshwa urwego rwa Leta rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).</p>	<p><u>Article 25: Dissolution of RALGA</u></p> <p>The dissolution of RALGA shall be decided by the General Assembly upon written request by at least 2/3 of its members within a period not below two (2) months before the meeting is held. This decision shall be communicated to the competent public organ within a period not exceeding thirty (30) days.</p>	<p><u>Article 25: Dissolution de RALGA</u></p> <p>La dissolution de RALGA est décidée par L'Assemblée Générale sur demande écrite d'au moins 2/3 de ses membres faite dans une période d'au moins deux (2) mois avant la tenue de la réunion. Cette décision est portée à la connaissance de l'organe public compétent endéans trente (30) jours.</p>

<p>Mu gihe cy'iseswa, Inteko Rusange itora umuntu umwe cyangwa abantu benshi bashinzwe imihango y'irangizamutungo.</p> <p>Iyo imirimo yo kwishyura imyenda n'igenzuramari irangiye, Inteko Rusange iha umutungo wayo urundi rwego cyangwa umuryango bikorera mu Rwanda bifite inshingano zisa n'iza RALGA.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Manda y'inzibacyuho</u></p> <p>Abazatorerwa kujya mu nzego za RALGA nyuma yo kwemeza aya mategeko shingiro bazarangiza igihe gisigaye kugira ngo habe andi matora y'Inama Njyanama z'Uturere n'Umujyi wa Kigali.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ibikubiye mu mategeko ngengamikorere</u></p> <p>Amategeko ngengamikorere asobanura mu buryo burambuye ibiteganywa n'amategeko shingiro ya RALGA.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Iyubahirizwa ry'andi mategeko</u></p>	<p>In the dissolution process, the General Assembly shall elect a person or persons in charge of liquidation proceedings.</p> <p>Upon completion of payment of creditors and auditing, the General Assembly shall transfer its property to another organ or organization operating in Rwanda with similar activities to those of RALGA.</p> <p><u>Article 26: Transitional term of office</u></p> <p>Persons to be elected in organs of RALGA after adoption of these articles of association shall complete the remaining term of office up to the election of members of Councils of Districts and the City of Kigali.</p> <p><u>Article 27: Content of internal rules</u></p> <p>Internal rules shall explain in details the content of articles of association of RALGA.</p> <p><u>Article 28: Compliance with other laws</u></p>	<p>Dans le processus de dissolution, L'Assemblée Générale élit un ou plusieurs liquidateurs chargés des procédures de liquidation.</p> <p>Après le désintéressement des créanciers et de l'audit du patrimoine, L'Assemblée Générale transfère son patrimoine à une autre organisation œuvrant au Rwanda dans des activités similaires à celles de RALGA.</p> <p><u>Article 26: Mandat de transition</u></p> <p>Les personnes élues aux organes de RALGA après l'adoption des présents statuts terminent le reste du mandat jusqu'à la tenue des élections des membres des Conseils des Districts et de la Ville de Kigali.</p> <p><u>Article 27: Contenu du Règlement d'Ordre Intérieur</u></p> <p>Le règlement d'ordre intérieur explique de façon détaillée le contenu des statuts de RALGA.</p> <p><u>Article 28: Respect d'autres lois</u></p>
--	--	--

<p>Ku bidateganijwe n'aya mategeko shingiro hazifashishwa amategeko n'amabwiriza yemewe mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Ururimi rw'ifatizo</u></p> <p>Aya mategeko shingiro yateguwe, asuzumwa kandi atorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'amategeko yakurikizwaga</u></p> <p>Aya mategeko shingiro ya RALGA avanyeho ayakurikizwaga kugeza ubu.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Igihe aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa</u></p> <p>Aya mategeko shingiro azatangira gukurikizwa ku munsu ashyiriweho umukono n'abagize Inteko Rusange ya RALGA bari ku mugereka, akanemezwa n'Urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha.</p>	<p>For matters not provided for by these articles of association, Rwandan laws and regulations shall be applicable.</p> <p><u>Article 29: Prevailing language</u></p> <p>These articles of association are drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 30: Repealing prior articles of association</u></p> <p>These articles of association of RALGA replace prior articles of association.</p> <p><u>Article 31: Commencement</u></p> <p>These articles of association shall come into force on the date of their signature by members of the General Assembly of RALGA on annex hereto and after approval by the competent public organ.</p>	<p>Pour tout ce qui n'a pas été prévu par les présents statuts, les lois et règlements du Rwanda sont d'application.</p> <p><u>Article 29: Langue de référence</u></p> <p>Les présents statuts sont préparés, examinés et adoptés en Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 30: Abrogation des statuts précédents</u></p> <p>Les présents statuts de RALGA remplacent les statuts qui étaient en vigueur.</p> <p><u>Article 31: Entrée en vigueur</u></p> <p>Les présents statuts entrent en vigueur au jour de leur signature par les membres de L'Assemblée Générale de RALGA en annexe et après approbation par l'organe public compétent.</p>
---	---	--

Bikorewe i Kigali, ku wa 6 Mata 2013	Done at Kigali, on 6 April 2013	Fait à Kigali, le 6 avril 2013
Cllr. Justus KANGWAGYE Umuyobozi wa RALGA	Cllr. Justus KANGWAGYE Chairperson of RALGA	Cllr. Justus KANGWAGYE Président de RALGA
Cllr. Dr Jeanne NYIRAHABIMANA Umuyobozi Wungirije wa Mbere wa RALGA	Cllr. Dr Jeanne NYIRAHABIMANA First Deputy Chairperson of RALGA	Cllr. Dr Jeanne NYIRAHABIMANA Première Vice- Présidente de RALGA